**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA MUSANZE**

**ICYEMEZO N° 02/2020/TGI/MUS GITEGEKA ABATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka wa **2020**, Umunsi wa **13** w'Ukwezi kwa **11**;

**Twebwe NSENGIYUMVA Félicien** , Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze, dufashijwe na **MALAYIKA Marie Chantal** , Umwanditsi muri urwo Rukiko;

**Tumaze** kubona urubanza **RP 00577/2019/TGI/MUS**, Ubushinjacyaha buregamo **NDAYAMBAJE Alphonse** mwene TWAGIRAYEZU Alphonse na ………. utuye mu mudugudu wa BUGESE, akagali ka MBURABUTURO, umurenge wa MUKO, akarere ka MUSANZE, Intara y'Amajyaruguru, akaba ariho yari atuye, ntacyo atunze kizwi , ,akurikiranywe **yaratorotse ubutabera;**

Tumaze kubonako akurikiranyweho icyaha cyo Guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe n'icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 121 n'iya 147 z'itegeko n°68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange;

**Tumaze** kubona ko uregwa yatorotse ubutabera nk'uko bigaragazwa n'umwanzuro wo gutanga ikirego wakozwe n'ubushinjacyaha ,

**Dushingiye** ku ngingo ya 160, iya 161 n'iya 162 z'itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha

**Dutegetse** ko **NDAYAMBAJE Alphonse** yitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze kuwa **14/12/2020**, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko, ndetse urubanza rukazaburanishwa adahari;

**Dutegetse** ko iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru Imvaho Nshya cyangwa kuri **web site** y'Urukiko rw'Ikirenga kandi kikamanikwa ku Rukiko Rwisumbuye rwa Musanze., ku Karere ka Musanze , no ku Murenge wa Muko .

**N'UKO BYEMEJWE KANDI BITEGETSWE KU MUNSI, UKWEZI N'UMWAKA BYAVUZWE HARUGURU.**

| **PEREZIDA** | **UMWANDITSI** |
|---|---|
| **NSENGIYUMVA Félicien** | **MALAYIKA Marie Chantal** |